REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA

GASABO

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du Peuple Rwandais

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2022 umunsi wa karindwi w' ukwezi kwa Nzeri;

Twebwe MUSONI Faustin, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo Nyiratunga Epiphanie;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo uwitwa **Nshimiyimana Emmanuel** mwene Mwikarango Faustin na Mukashyaka Dancila, utuye mu Mudugudu wa Dihiro, Akagari ka Ramiro, Umurenge wa Gashora, Akarere ka Bugesera, Intara ya Intara y'iburasirazuba, ari naho abarurirwa foni, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake gifite impamvu nkomezacyaha, icyaha gitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 121 y'itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 01897/IPRL GASA/2020/FM/JM cyageze mu rukiko kikandikwa kuri RP 01077/2020/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 07/09/2022 saa mbiri za mu gitondo ariko **Nshimiyimana Emmanuel** uregwa ntiyitabe Urukiko

URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, urubanza rukimurirwa tariki ya 10/10/2022 saa mbiri za mugitondo kugira ngo ahamagazwe nkuwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **Nshimiyimana Emmanuel** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **10/10/2022 saa mbiri za mugitodo (8h00)**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe haruguru aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa ku rubuga rw'urukiko rw'ikirenga.

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa umunsi cyafashweho.

Bikorewe I Gasabo ku munsi, Ukwezi n'Umwaka byavuzwe haruguru.

**MUSONI Faustin** **NYIRATUNGA Epiphanie**

**Umucamanza** **Umwanditsi w'Urukiko**